**REPUBULIKA Y'U RWANDA** | **Rwamagana, kuwa 29/03/2023**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**AKARERE KA RWAMAGANA**
**P.O BOX 24 RWAMAGANA**

# ITANGAZO RIGENEWE ABAREZI

Nshingiye ku ibaruwa No 1064/REB/05/2023 yo kuwa 28/03/2023, Umuyobozi Mukuru wa REB yandikiye Abayobozi b'Uturere abasaba gutoranya abarimu bazahabwa " Scholarship" mu mwaka wa 2023-2024,

Ubuyobozi bw'Akarere ka Rwamagana buramenyesha abarezi bifuza guhabwa scholarship mu mwaka wa 2023-2024 ko bageza dosiye zisaba ku biro by'Imirenge bakoreramo bitarenze kuwa 04/04/2023.

**Dosiye isaba igomba kuba igizwe n'ibi bikurikira:**

1. Ibaruwa isaba yandikiwe Umuyobozi w'Akarere
2. Umwirondoro wuzuye
3. Kopi y'Indangamuntu
4. Kopi y'impamyabumenyi
5. Icyemezo cy'akazi: " Service recommendation"
6. Icyemezo cy'imyitwarire: " Certificate of good conduct".

**Icyitonderwa:**

- Usaba agomba kugaragaza neza ibyo yifuza kuziga muri Kaminuza, kandi afite impamyabumenyi ya A2 cyangwa A1
- Abasaba bafite impamyabumenyi ya A1 barasabwa gutanga academic transcripts
- Usaba agomba kuba atarengeje imyaka 35 y'amavuko
- Usaba agomba kuba amaze guhera ku myaka 3 mu kazi ko kwigisha, bigaragazwa n'icyemezo gitangwa n'ishuri usaba akoreraho
- Ibisabwa kuri No 5 na 6, bisabwa ku rwego rw'Umurenge.

**MBONYUMUVUNYI Radjab**
Umuyobozi w'Akarere ka Rwamagana